**REPUBLIC OF RWANDA**

**Higher Education Council (HEC)**
**P.O. BOX 6311**

# ITANGAZO N° .....001.................. HEC/2021

Ubuyobozi bw'Inama Nkuru y'Amashuri Makuru (Higher Education Council/HEC) buramenyesha abanyeshuri basabye inguzanyo yo kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda) no mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro (Rwanda Polytechnics/IPRCs), bazatangira umwaka wa mbere (1st Year) w'amashuri wa 2020-2021, ko ibyavuye mu busabe bw'inguzanyo yo kwiga biboneka banyuze kuri:
http://mis.hec.gov.rw/bursary/check-result

Uwasabye inguzanyo afungura uyu murongo http://mis.hec.gov.rw/bursary/check-result, nyuma akinjiza ahabugenewe "Registration Number" ye yahawe na UR cyangwa RP ubwo yiyandikishaga, noneho akabona urupapuro rwerekana ibyavuye mu busabe bwe.

**Icyitonderwa**

1. Umunyeshuri uzahindura ibyo yahawe kwiga ahita atakaza inguzanyo yahawe
2. HEC izakira ubujurire bw'abatanyuzwe n' ibyavuye mu busabe bwabo. Urupapuro rwifashishwa (Form) mu gutanga ubujurire iboneka kuri:
   http://www.hec.gov.rw/fileadmin/user_upload/Scholarship/form1.pdf
3. Inyandiko y'ubujurire izoherezwa kuri email: scholarship@hec.gov.rw **kuva tariki ya 07/01/2021 kugeza ku 17/01/2021. Nyuma yayo matariki nta bujurire buzakirwa.**

Bikorewe Kigali, kuwa .06../ 01./ 2021

Mukankomeje Rose

**Dr. Rose MUKANKOMEJE**
Umuyobozi Mukuru

HIGHER EDUCATION COUNCIL - HEC
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE · UMURIMO · GUKUNDA IGIHUGU